MICT-12-20
25-08-2014
(13 - 1/276bis)

13/276bis
ZS

UMURYANGO
W'ABIBUMBYE

**Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga**

| | |
|---|---|
| Urubanza: | MICT-12-20 |
| Itariki: | 16 Nyakanga 2014 |
| Umwimerere: | Icyongereza |

**Umucamanza:** Theodor Meron, Perezida

**Gerefiye:** John Hocking

**POROKIRERI**

**Aburana na:**

**BERNARD MUNYAGISHARI**

INYANDIKO YASIBWEMO IBIGOMBA KUGIRIRWA IBANGA

# RAPORO Y'UBUGENZUZI KU BYAKOZWE MURI KAMENA 2014

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
25/08/2014 12:43

R(RM)14-0044K.bis

Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

## AMASHAKIRO

I. INTANGIRIRO ........ 3
II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE ........ 3
*A. Umubonano n'Umushinjacyaha* ........ 3
*B. Iburanisha* ........ 4
*C. Imibonano na Munyagishari* ........ 9
*D. Umubonano n'umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhamya* ........ 11
E. *Umubonano n'umuyobozi wa gereza* ........ 11
F. *Umubonano n'Avoka mukuru* ........ 12
III. UMWANZURO ........ 13

# I. INTANGIRIRO

1. Iyi raporo y'ubugenzuzi yerekeranye n'ibyakozwe mu rubanza rwa Munyagishari mu bucamanza bw'u Rwanda n'imibonano Umugenzuzi washyizweho n'Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpuzamahanga (« Urwego ») yagiranye n'abantu banyuranye bafite aho bahuriye n'uru rubanza, mu kwezi kwa Kamena 2014 (« Igihe cyakozweho raporo »).

2. Muri icyo gihe cyakozweho raporo, umugenzuzi wakoze iyi raporo (Jelena Gudurić – « Umugenzuzi ») yagiye mu Rwanda inshuro imwe.

3. Umugenzuzi yabonanye na Munyagishari n'Avoka mukuru umwunganira, Umushinjacyaha ukuriye abandi muri uru rubanza, umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhamya ry'Urukiko rw'ikirenga, n'umuyobozi wa gereza.

4. Muri icyo gihe cyakozweho raporo, habaye iburanisha mbanzirizarubanza rimwe maze Urugereko rusuzuma ikibazo cyo guhindura, mu rurimi Uregwa yumva, inyandiko zishyigikira ibivugwa mu nyandiko y'ibirego. Irindi buranisha riteganyijwe ku itariki ya 5 Ugushyingo 2014.

5. Dore raporo irambuye ku byakozwe byose mu gihe cyakozweho raporo.

# II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE

## *A. Umubonano n'Umushinjacyaha*

1. Ku itariki ya 3 Kamena 2014, umugenzuzi yabonanye na Jean-Bosco Mutangana, akaba ari Umushinjacyaha ukuriye abandi muri uru rubanza.

2. Mutangana yamenyesheje umugenzuzi ko, ku itariki ya 27 Gicurasi 2014, Umushinjacyaha yatanze inyandiko y'ibirego yahinduwe mu gifaransa ngo ihabwe Uregwa. Ku itariki ya 2 Kamena 2014, Munyagishari yohereje ibaruwa asaba ko

inyandiko ikubiyemo ibimenyetso bishyigikira iyo nyandiko y'ibirego yashyirwa mu rurimi yumva. Umushinjacyaha ntarwanya icyo cyifuzo. Mutangana yongeyeho ko, bubyibwirije, Ubushinjacyaha bwatekereje guhindura, mu rurimi Uregwa yumva, inyandiko zikubiyemo ibyo bimenyetso. Yongeyeho ko, hashingiwe ku itegeko ry'urukiko, Ubushinjacyaha bwagombaga gusa guhindura inyandiko y'ibirego yonyine bukayishyira mu gifaransa. Mutangana yatekereje ko icyo kibazo cyo guhindura, mu rurimi Uregwa yumva, inyandiko zikubiyemo ibimenyetso bishyigikira inyandiko y'ibirego cyari kugibwaho impaka mu iburanisha ryari riteganijwe ku itariki ya 4 Kamena 2014.

### *B. Iburanisha*

6. Urugereko rwaburanishije ku itariki ya 4 Kamena 2014[1]. Icyo gihe, Ubushinjacyaha bwari buhagarariwe na Jean-Bosco Mutangana na Bonaventure Ruberwa (« Ubushinjacyaha »). Bernard Munyagishari yari muri iryo buranisha, kandi yari yunganiwe n'abavoka be ari bo Jean-Baptiste Niyibizi na John Hakizimana (« Abavoka bunganira Uregwa »). Umusemuzi w'urukiko, witwa Faustin Murangwa, yasemuriye Munyagishari ibivugwa mu kinyarwanda abishyira mu gifaransa, ari na ko asemura ibivugwa mu gifaransa abishyira mu kinyarwanda.

7. Urugereko rwabajije niba Munyagishari yarahawe inyandiko y'ibirego yahinduwe mu gifaransa, Munyagishari asubiza ko atayibonye.

8. Umushinjacyaha yavuze ko Munyagishari yahawe iyo nyandiko ku itariki ya 27 Gicurasi 2014 kandi ko yasinyiye ko ayibonye.

9. Munyagishari yasobanye ko kuba yarahawe gusa amapaji 57 y'inyandiko y'ibirego yahinduwe mu gifaransa bitavuga ko yamenyeshejwe, ku buryo burambuye, imiterere y'ibyaha aregwa n'impamvu zishingirwaho mu kumurega, nk'uko biteganywa n'Ingingo

---

[1]Umugenzuzi yakurikiye iburanisha abifashijwemo n'umusemuzi.

ya 14 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki. Avoka we yongeyeho ko itegeko risaba Ubushinjacyaha gutanga inyandiko y'ibirego yahinduwe mu rurimi Uregwa yumva, rinareba inyandiko zose zikubiyemo ibimenyetso bishyigikira ibivugwa mu nyandiko y'ibirego. Yavuze rero ko dosiye yose igomba guhindurwa mu rurimi Munyagishari yumva.

10. Urukiko rwashatse kumenya impamvu Avoka wunganira Uregwa ashingiraho avuga ibyo bintu. Yasubije ko ashingira ku Ngingo ya 19 y'Itegeko Nshinga no ku Ngingo ya 14 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki.

11. Umushinjacyaha yarwanyije uburyo Ubwunganizi bwumva iryo tegeko ry'urukiko maze avuga ko Urugereko rutigeze na rimwe rutegeka Ubushinjacyaha guhindura, mu rurimi Uregwa yumva, inyandiko zikubiyemo ibimenyetso bishyigikira inyandiko y'ibirego. Umushinjacyaha yavuze ko niba Ubwunganizi butaranyuzwe n'itegeko ry'urukiko bwashoboraga kurijuririra. Yongeyeho ko niba Ubwunganizi butanze icyifuzo gishya gisaba ko hagira izindi nyandiko zihindurwa mu rurimi Uregwa yumva, bugomba kwerekana neza izo nyandiko bwifuza ko zashyirwa muri urwo rurimi.

12. Urukiko rwibukije ababuranyi ko, ku itariki ya 3 Mata 2014, rwategetse ko iburanisha rizasubukurwa ku itariki ya 4 Kamena 2014 kandi ko, hasigaye icyumweru kimwe ngo iyo tariki igere, Umushinjacyaha yagombaga guha Uregwa inyandiko y'ibirego yahinduwe mu rurimi yumva, n'incamake y'ubuhamya buzatangwa mu rukiko. Urukiko rwasanze icyifuzo gisaba guhindura dosiye yose mu rundi rurimi ari gishya.

13. Urukiko rwabajije Ubwunganizi niba bwarahawe inyandiko zikubiyemo incamake z'ubuhamya buzatangwa, zahinduwe mu rurimi Uregwa yumva. Ubwunganizi bwasubije ko bwahawe inyandiko y'amapaji 57 yitwa « inyandiko y'ibirego », ariko ko nta mugereka n'umwe wari wometseho. Kubera ko Ubwunganizi butahawe incamake y'ubuhamya buzatangwa, bwumvise ko inyandiko yahinduwe mu rurimi Uregwa yumva

itari yuzuye.

14. Umushinjacyaha yemeye ko Uregwa agomba kumenyeshwa, ku buryo burambuye, ibirego ashinjwa kandi bigakorwa mu rurimi yumva. Cyakora, yongeye kuvuga ko Urukiko rutari rwategetse ko dosiye yose ishyirwa mu rurimi Uregwa yumva. Umushinjacyaha yamenyesheje urukiko ko guhindura inyandiko mu zindi ndimi bikorwa n'abasemuzi bo hanze aho gukorwa n'Ubushinjacyaha. Yongeyeho ko, hashingiwe ku itegeko ry'urukiko, Ubushinjacyaha bwari bwahawe gusa amafaranga yo guhindura inyandiko y'ibirego mu rurimi Uregwa yumva. Urukiko ruramutse rutegetse ko dosiye yose ishyirwa mu rurimi Uregwa yumva, icyo gihe Ubushinjacyaha bwasaba andi mafaranga yo kugira ngo bikorwe. Umushinjacyaha yasabye Urugereko ko, ruramutse rwemeye ibyo Ubwunganizi busaba, rwatanga icyemezo cyanditse kugira ngo Ubushinjacyaha buzacyifashishe busaba andi mafaranga. Umushinjacyaha yanasabye Munyagishari kuvuga inyandiko zose adafite mu gifaransa. Yavuze kandi ko abatangabuhamya nibatangira kuza gutanga buhamya mu rukiko, ubuhamya bwabo buzasemurwa. Umushinjacyaha yongeyeho ko incamake zose z'ubuhamya abatangabuhamya bazatanga ku byo Uregwa ashinjwa ziri mu nyandiko y'ibirego, bityo zikaba zarahinduwe mu gifaransa. Yasobanuye rero ko Munyagishari adafite imbogamizi zo kwiregura ku byo ashinjwa mu nyandiko y'ibirego. Umushinjacyaha yasabye Urukiko ko ruramutse rufashe icyemezo icyo ari cyo cyose gitegeka guhindura inyandiko mu rurimi Uregwa yumva, rwakwerekana neza izo nyandiko zigomba guhindurwa. Umushinjacyaha yongeyeho ko igihe gikenewe cyo guhindura inyandiko mu rundi rurimi kizerekanwa hashingiwe ku mubare w'izo nyandiko.

15. Urugereko rwasobanuye ko atari ngombwa guhindura dosiye yose mu rurimi Uregwa yumva. Ku byerekeranye n'icyifuzo cy'Ubushinjacya kirusaba gutanga icyemezo cyanditse, Urugereko rwavuze ko ibivugwa byose mu rukiko byandikwa. Urugereko rwongeyeho ko Umushinjacyaha yagombye kuba azi inyandiko ziri mu gifaransa.

16. Umushinjacyaha yasobanuye ko abatangabuhamya bose ateganya guhamagaza mu

iburanisha ari abatanze ubuhamya muri TPIR[2] kandi ko buri nyandikomvugo y'ubuhamya bwabo yakozwe na TPIR mu ndimi eshatu, ari zo igifaransa, ikinyarwanda n'icyongereza. Yongeyeho ko, kuri bamwe muri abo batangabuhamya, ubushinjacyaha bw'u Rwanda bwakoze inyandikomvugo z'ubuhamya bushya, bityo izo nyandikomvugo zikaba zitari mu gifaransa. Umushinjacyaha avuga rero ko muri dosiye hashobora gukurwamo inyandikomvugo z'ubuhamya bushya zakozwe n'ubushinjacyaha bw'u Rwanda, hagasigaramo gusa inyandikomvugo z'ubuhamya zakozwe na TPIR. Cyakora yasobanuye ko n'ubwo ibyo byatuma iburanisha rikomeza, ntagukererwa, we yahitamo ko hatagira inyandikomvugo y'ubuhamya ikurwa muri dosiye.

17. Urugereko rwabajije Uregwa niba yarabonye dosiye yose ya TPIR n'inyandikomvugo z'ubuhamya. Munyagishari yavuze ko Avoka we, ari we Niyibizi, yahawe iyo dosiye. Niyibizi yavuze ko yabonye dosiye y'amapaji arenga 3.000. Urukiko rwabajije Ubwunganizi niba bwarabonye inyandikomvugo z'ubuhamya maze Niyibizi asubiza ko bazibonye mu kinyarwanda, mu cyongereza no mu gifaransa.

18. Urugereko rumaze kumva ingingo z'ababuranyi rwategetse ubushinjacyaha guhindura, mu rurimi Uregwa yumva, inyandikomvugo z'ubuhamya bwafashe kuko izavuye muri TPIR ziri mu gifaransa.

19. Ku kindi kibazo gitandukanye n'iki, Avoka wunganira Uregwa yavuze ko Ubwunganizi bwahawe kopi imwe gusa ya dosiye kandi ko budafite amafaranga yo gukora izindi kopi kugira ngo abavoka bombi bunganira Uregwa, n'Uregwa babe bazifite. Urugereko rwemeje ko Ubwunganizi bugomba kwikemurira icyo kibazo kuko Urukiko rudashobora kubukorera fotokopi.

20. Kugira ngo Urugereko rugene indi ngengabihe y'iburanisha, rwasabye Umushinjacyaha kuvuga igihe akeneye ngo inyandikomvugo z'ubuhamya bw'inyongera zibe zahinduwe

[2]Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (« TPIR »).

mu gifaransa maze zihabwe Uregwa. Umushinjacyaha yavuze ko agereranyije akeneye iminsi 30.

21. Urugereko rwanasabye Ubwunganizi kuvuga igihe bwakenera cyo gutegura imyiregurire yabwo bumaze kubona izo nyandiko zahinduwe mu gifaransa. Avoka wunganira Uregwa yasubije ko mu byifuzo Ubwunganizi bwatanze mbere, bwari bwasabye imyaka itatu kuko bukeneye gukora iperereza mu Rwanda no mu mahanga. Umushinjacyaha yavuze ko Abavoka bunganira Uregwa bafite dosiye kuva urubanza rwakwimurirwa mu Rwanda, ko kubera iyo mpamvu ndetse no kubera ko bakorera kuri kontaro, bagombye kuba bakora ku rubanza rwa Munyagishari rwonyine. Umushinjacyaha yavuze ko asanga gusaba imyaka itatu bigaragaza ko Ubwunganizi bushaka gutinza iburanisha. Avoka wunganira Uregwa yavuze ko kontaro yabo itavuga ko bagomba gukora ku rubanza rwa Munyagishari rwonyine, kandi ko bagitegereje igisubizo cya Minisiteri y'Ubutabera ku byerekeranye n'amafaranga yo kunganira Uregwa.

22. Urugereko rwanabajije Uwunganizi niba busaba imyaka itatu yo gutegura urubanza, bitewe n'uko hagati aho bazaba bafite n'izindi manza bashobora kuburana. Avoka wunganira Uregwa yasubije ko Ubwunganizi bwabyukije icyo kibazo kubera ibihe ntarengwa byari byitezwe byo gutangiraho inyandiko zavuzwe, kandi bukaba bunifuza ko, mu kugena ibyo bihe ntarengwa, Urugereko rwazirikana ko budafite amafaranga yo gukoresha mu rubanza. Avoka wunganira Uregwa yasobanuye ko ikibazo cy'amafaranga kiramutse kibonewe umuti, Uwunganizi bwakenera umwaka umwe wo gusoma ibimenyetso byose bwamenyeshejwe, umwaka umwe wo gukora iperereza n'undi mwaka umwe wo gushyira hamwe ibimenyetso byose no gutegura imyiregurire.

23. Munyagishari yavuze ko TPIR n'Ubushinjacyaha bw'u Rwanda byamaze imyaka 20 bitegura urubanza. Yongeyeho ko hakurikijwe ihame rivuga ko ababuranyi bagomba guhabwa uburyo bungana, yagombye ahubwo kugenerwa igihe kingana n'icyo ngo ategure imyiregurire ye.

24. Urugereko rwashatse kumenya niba ababuranyi bifuza kugira icyo bavuga ku ngamba zo kurindira abatangabuhamya umutekano. Umushinjacyaha yasubije ko abatangabuhamya bose bashyiriweho ingamba zo kubarindira umutekano.

25. Urugereko rwasubitse iburanisha kubera ikiruhuko. Iburanisha risubukuye, Urugereko rwemeje ko irindi buranisha rizaba ku itariki ya 5 Ugushyingo 2014. Urugereko rwategetse Umushinjacyaha guhindura, mu gifaransa, inyandikomvugo z'ubuhamya zafashwe n'Ubushinjacyaha bw'u Rwanda kandi bukaba bwazihaye Uregwa hasigaye nibura iminsi 30 ngo iburanisha rizakurikiraho ribe. Urugereko rwanategetse Ubwunganizi kuzatanga igisubizo ku bivugwa n'Ubushinjacyaha, n'ibitekerezo byabwo hasigaye nibura ibyumweru bibiri ngo iburanisha rizakurikiraho ribe.

## *C. Imibonano na Munyagishari*

26. Ku itariki ya 6 Kamena 2014, Umugenzuzi yabonanye na Munyagishari muri Gereza nkuru ya Kigali (« Gereza »). Baganiriye babifashijwemo n'umusemuzi.

27. Munyagishari yagaragaje impungenge afite ku birebana n'umusemuzi. Umugenzuzi yamusobanuriye ko uwo musemuzi yarahiriye imbere ya MICT kuzakora akazi ke nta kubogama no kuzubahiriza ibanga ry'akazi.

28. Munyagishari yavuze ko, mu iburanisha ryo ku itariki ya 4 Kamena 2014, Avoka we yavuze ko Ubwunganizi bukeneye imyaka itatu yo gutegura urubanza kandi ko Umushinjacyaha yasubije ko ibyo ari ugutinza iburanisha. Munyagishari atekereza ko Avoka we yatinye kugira icyo avuga ku byo Umushinjacyaha yari amaze kuvuga kuko yatinyaga ko igisubizo cye cyashyira mu majwi Leta y'u Rwanda, Munyagishari akaba avuga ko imyitwarire yayo irangwamo uburyarya, cyane cyane ku byerekeranye n'inkunga igomba guhabwa Ubwunganizi mu rubanza. Munyagishari yongeyeho ko Abavoka be bari bamaze amezi icyenda badahembwa. Asanga kuba nta mafaranga ahari bibangamira cyane ubushobozi afite bwo gutegura imyiregurire ye kuko Abavoka be badafite amafaranga yo kuba nibura bakora uturimo tworoheje mu kumwunganira.

Nk'urugero, asobanura ko yasabye Avoka we kohereza inyandiko zimwe Avoka wamwunganiraga muri TPIR, ko ariko uwo Avoka yamusubije ko adafite ubushobozi bwo kohereza izo nyandiko. Munyagishari yavuze ko Ubushinjacyaha bufite uburyo n'ubushobozi bihagije, bukagira n'ubushobozi bwo kugera ku batangabuhamya kandi ko bwatangiye gutegura urubanza rwe kuva rwakwimurirwa mu Rwanda muri Nyakanga 2013. Kubera ko nta bushobozi buhari, Munyagishari yashidikanyaga ko Abavoka be bazubahiriza igihe ntarengwa bahawe ngo babe batanze ibitekerezo byabo, nk'uko babitegetswe mu iburanisha ryo ku itariki ya 4 Kamena 2014[3].

29. Munyagishari yavuze kandi ko mu rukiko Umushinjacyaha yavuze ko Ubwunganizi bwarimo kugerageza gutinza urubanza kuko rwasabaga igihe kinini cyo kwitegura. Munyagishari we akaba avuga ko urubanza rwatindijwe n'izindi mpamvu zirimo kuba urubanza rwarabanje gushyirwa mu rundi rukiko n'ikibazo cyo guhindura, mu rurimi yumva, inyandiko y'ibirego n'inyandiko zikubiyemo ibimenyetso biyishyigikira.

30. Munyagishari yasabye ko ibyemezo byafashwe mu magambo byashyirwa mu nyandiko kandi akabihabwa mu rurimi yumva, ari rwo igifaransa. Yavuze ko aryamirwa igihe cyose Umushinjacyaha agenda ashingira ku byemezo byafashwe mu magambo kubera ko we adafite ibyo byemezo mu rurimi yumva.

31. Ku byerekeranye n'uburyo afunzwemo, Munyagishari yabwiye Umugenzuzi ko abantu bafungiye mu gipangu cyihariye cya gereza[4] basabye ko hashyirwa akuma bakandaho habaye impanuka y'umuriro, kizimyamwoto yo munzu, umuryango wo gusohokeramo mu gipangu cyihariye cya gereza mu gihe haje amakuba, n'icyuma gikumira inkuba. Munyagishari yanasabye akuma yajya akandaho ngo ahamagare abarinzi ba gereza. Yongeyeho ako kuma kashyizweho ariko ko kadakora neza.

---

[3]Reba igika cya 25 hano hejuru.

[4]Igipangu cyihariye cya gereza gifungiyemo abaregwa babiri TPIR yimuriwe mu Rwanda, ari bo Munyagishari na Jean Uwinkindi, hamwe n'abandi bafungwa babiri bahimuriwe n'inkiko z'ibindi bihugu.

32. Mu gusoza kuri iki kibazo, Munyagishari yavuze ko abafungwa bari mu gipangu cyihariye cya gereza batemerewe gusangira n'abandi bafungwa. Yavuze ko n'ubwo badahabwa ibiryo biruta ibyo bakeneye, bumva basangira n'abandi hatitawe ku ngano y'ibyo bafite. Cyakora abarinzi ba gereza barabibujije.

33. [BYARASIBWE]

34. [BYARASIBWE]

### D. *Umubonano n'umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhamya*

35. Ku itariki ya 9 Kamena 2014, Umugenzuzi yabonanye na Janvier Bayingana, akaba ari umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhamya ry'Urukiko rw'ikirenga. Uwo mubonano wibanze cyane cyane ku rubanza rwa Uwinkindi, rugeze mu cyiciro cy'iburanisha. Nta byaganiriweho bifatika ku rubanza rwa Munyagishari.

### E. *Umubonano n'umuyobozi wa gereza*

36. Ku itariki ya 11 Kamena 2014, Umugenzuzi yabonanye na Alex Murenzi, akaba ari umuyobozi wa gereza.

37. Ku byerekeranye n'itangwa ry'inyandiko, Murenzi yasobanuye ko, kubera impamvu z'umutekano, inyandiko zose zohererejwe abafungwa cyangwa izo bo bohereje zigomba kunyura ku buyobozi bwa Gereza. Murenzi yavuze ko iyo inyandiko y'ibanga iturutse muri MICT cyangwa ikoherezwayo, iyo nyandiko ishobora gutangwa mu ibahasha yashyizweho ubujeni kandi handitseho ko ari ibanga. Ubuyobozi bwa Gereza ntibufungura ibahasha zashyizweho ubujeni zirimo inyandiko z'ibanga ahubwo bwandika gusa, mu gitabo cyabugenewe, itariki iyo nyandiko itangiweho maze bukayishyikiriza uwo yohererejwe. Murenzi yasobanuye ko abagenzuzi, Uwinkindi na Munyagishari bemerewe guhererekanya hagati yabo inyandiko, mu buryo butaziguye, ko ariko izo nyandiko zigomba kubanza kwandikwa mu gitabo cyabigenewe cy'ubuyobozi bwa

Gereza.

38. Murenzi yasobanuye ko abafungwa bari mu gipangu cyihariye cya Gereza bahabwa indyo yihariye itandukanye n'ihabwa abandi bafungwa. Kubera iyo mpamvu, abafungwa bari muri icyo gipangu cyihariye ntibemerewe gusangira n'abandi bafungwa.

**F.** ***Umubonano n'Avoka mukuru***

39. Ku itariki ya 12 Kamena 2014, Umugenzuzi yabonanye na Niyibizi, Avoka mukuru wa Munyagishari. Niyibizi ni na we kandi Avoka wungirije wa Uwinkindi, bityo akaba yaravuze kuri izo manza zombi.Yavuze ko, mu byerekeranye n'iburanisha, urubanza rwa Uwinkindi rugeze kure, urugereranyije n'urwa Munyagishari rukiri mu cyiciro kibanziriza iburanisha.

40. Niyibizi yavuze ko mu rubanza rwa Munyagishari, abavoka b'Ubwunganizi bumaze amezi arenga icyenda budahembwa kandi ko batari bumvikana na Minisiteri y'ubutabera ku buryo bwo kubahemba. Niyibizi yavuze ko Ubwunganizi bwagejeje kuri Minisiteri y'ubutabera igitekerezo cy'uko bwifuza guhembwa ku buryo buteye kimwe n'ubwemeranyijweho mu rubanza rwa Uwinkindi, ko ariko Minisiteri y'Ubutabera yabyanze. Niyibizi avuga ko kuba nta bushobozi buhari bihangayikije cyane Ubwunganizi kuko bituma budashobora gukora iperereza. Niyibizi yavuze ko imishyikirano yerekeranye n'uko bahembwa yatangiye ariko ko ntakiragerwaho. Yongeyeho ko Ubwunganizi bugomba gukomeza kuganira na Minisiteri y'Ubutabera kuri icyo cyibazo.

## III. UMWANZURO

41. Umugenzuzi ukoze iyi raporo yiteguye kuba yatanga amakuru y'inyongera igihe cyose Perezida yabisabira.

Murakoze,

Jelena Gudurić [Umukono]
Umugenzuzi mu rubanza rwa Munyagishari

Bikorewe i Kigali, muri Repubulika y'u Rwanda,
Kuri uyu munsi wa 16 Nyakanga 2014